



URUKIKO RWISUMBUYE  
RWA RUSIZI

**ICYEMEZO N° 00027/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE  
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 19 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **MUSABYIMANA Valens**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru rukiko uwitwa **HAKIZIMANA Naphutal**, mwene **NGIRINSHUTI Charles** na **MUHIMPUNDU Fortune**, wavutse ku wa 14/01/2001 mu Mudugudu wa Nyamateke, Akagali ka Nyamugari, murenge wa Shangji, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'i Burengezazuba, ho muri Repubulika y'u Rwanda, akaba ari naho yari atuye, terefoni ye ni 0786090424, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera;

Tumaze kubona ko ikirego cy'ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko kigahabwa n° **RP/MIN 00012/2021/TGI/RSZ**, bukurikiranyeho **HAKIZIMANA Naphutal**, icyaha cy'ubujura buciye icyuho, hanakoreshejwe kurira, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo za 165-167 z'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, nkuko ryahinduwe kugeza ubu;

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 n'ya 162 z'itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganywa uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko **HAKIZIMANA Naphutal** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **22/02/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**MUSABYIMANA Valens**  
**UMUCAMANZA**



**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**  
**UMWANDITSI**